**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

***IFISHI IGENDANA N'INYANDIKOMVUGO***

**INYANDIKOMVUGO N°02/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 04 UKWAKIRA 2024 (15H00)**

**LISITI Y'ABAFASHE IJAMBO:**

1. Senateri NYIRAHABIMANA Solina, Visi Perezida wa Sena
2. Senateri KAITESI Usta
3. Senateri BIDERI John Bonds
4. Senateri CYITATIRE Sosthène
5. Senateri UWERA Pélagie
6. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
7. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia
8. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
9. Senateri RUGIRA Amandin
10. Senateri UMUHIRE Adrie
11. Senateri NIYOMUGABO Cyprien

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

**INYANDIKOMVUGO N°02/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 4 UKWAKIRA 2024 (15H00')**

**YEREKEYE**:

1. **Kwemeza ishingiro ry'igihembwe kidasanzwe na gahunda y'ibiteganyijwe gusuzumwa muri icyo gihembwe;**

2. **Gutora abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena;**

3. **Gutora abagize Komite igenzura imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.**

Inama y'Inteko Rusange yatangiye i saa cyenda iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier.

**Hari Abasenateri bakurikira:**

1. Senateri BIDERI John Bonds
2. Senateri CYITATIRE Sosthène
3. Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre
4. Senateri GAHAMANYI Bibiane Mbaye
5. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
6. Senateri KAITESI Usta
7. Senateri KANZIZA Epiphanie
8. Senateri MUGISHA Alexis
9. Senateri MUKABALISA Donatille
10. Senateri MUKABARAMBA Alvera
11. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde
12. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
13. Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose
14. Senateri NGARAMBE Telesphore
15. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
16. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
17. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia
18. Senateri NYIRAHABIMANA Solina
19. Senateri NYIRASAFARI Espérance
20. Senateri RUGIRA Amandin
21. Senateri TWAHIRWA André

22. Senateri UMUHIRE Adrie
23. Senateri UWERA Pélagie
24. Senateri UWIMBABAZI Penine
25. Senateri UWIZEYIMANA Evode

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, mwiriwe!

Ndagira ngo mbanze mbashimire ko mwitabiriye inama y'Inteko Rusange y'uyu munsi tariki ya 04 Ukwakira 2024.

Nkaba mbamenyesha ko ubu turi Abasenateri makumyabiri na batandatu (26), bityo tukaba dukwije umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inteko Rusange ibashe guterana ku buryo bwemewe n'amategeko.

Ba Nyakubahwa, byabaye ngombwa ko dutumiza igihembwe kidasanzwe nk'uko mwabimenyeshejwe mu ibaruwa twabagejejeho ku itariki ya 02 Ukwakira 2024.

Impamvu rero yatumye igihembwe kidasanzwe gitumizwa ni ukugira ngo Inteko Rusange itore abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena ndetse n'abagize Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri mu rwego rwo kuzuza inzego za Sena muri manda ya kane ya Sena twatangiye ku itariki ya 26 Nzeri 2024.

Ku bw'ibyo rero ndagira ngo mbanze mbabaze, ba Nyakubahwa, niba mwemera yuko habaho igihembwe kidasanzwe. Twabyemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Inteko Rusange yemeje ishingiro ry'igihembwe kidasanzwe.

Turakurikizaho kwemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa muri iki gihembwe kidasanzwe. Muri iki gihembwe kidasanzwe ku murongo w'ibyigwa hateganyijwe ingingo zikurikira:

- Ingingo ya mbere ni kwemeza ishingiro ry'igihembwe kidasanzwe na gahunda y'ibiteganyijwe gusuzumwa muri icyo gihembwe;
- Ingingo ya kabiri ni ugutora abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena;
- Na ho ingingo ya gatatu ni ugutora abagize Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

Nyuma y'ibyo ndagira ngo dufungure "liste" ya kabiri kugira ngo duhe umwanya Abasenateri bifuza kugira icyo bavuga kuri iyi gahunda tumaze kubagezaho.

Ndabona ntawufite icyo abivugaho.

Twafungura “liste” ya gatatu. Nabwo ntawasabye ijambo.

Ba Nyakubahwa iyi gahunda twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Ubwo iyi gahunda y’igihembwe kidasanzwe yemejwe n’Inteko Rusange.

Ba Nyakubahwa kuri gahunda y’inama y’Inteko Rusange y’uyu munsi hateganyijwe ingingo zikurikira:

1. Ingingo ya mbere ni ukwemeza ishingiro ry’igihembwe kidasanzwe na gahunda y’ibiteganyijwe gusuzumwa muri iki gihembwe;
2. Ingingo ya kabiri ni ugutora abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena;
3. Na ho ingingo ya gatatu ni ugutora abagize Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire Imyifatire n’Ubudahangarwa by’Abasenateri.

Ingingo ya mbere ijyanye no kwemeza ishingiro ry’igihembwe kidasanzwe na gahunda y’ibiteganyijwe gusuzumwa muri icyo gihembwe tukaba twarangije kuyisuzuma.

Turakurikizaho gusuzuma ingingo ya kabiri ijyanye no gutora abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, turatora abagize Biro za Komisiyo dukurikije ibiteganywa n’Itegeko Ngenga Nº 007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo zaryo iya 22, iya 23, iya 24 n’iya 65 ndetse n’amabwiriza ya Biro ya Sena twabagejejeho.

Nk’uko biteganywa rero n’ingingo ya 23 y’iryo tegeko ngenga, Abasenateri bifuje kwiyamamariza kuyobora Komisiyo zihoraho za Sena ni aba bakurikira:

- Muri Komisiyo ya Politiki n’Imiyoborere, ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo hari umukandida umwe, akaba ari Senateri KAITESI Usta. Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo hari umukandida umwe ari we Senateri UWERA Pélagie;

- Muri Komisiyo y’Iterambere ry’Ubukungu n’Imari, ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo, hari umukandida umwe ari we Senateri NSENGIYUMVA Fulgence. Na ho ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo hari umukandida umwe ari we Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia;

- Muri Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano, ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo hari umukandida umwe, ni Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija. Na ho ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo na ho hari umukandida umwe akaba ari Senateri RUGIRA Amandin;

- Muri Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu, ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo hari umukandida umwe, ni Senateri UMUHIRE Adrie. Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo na ho hari umukandida umwe ari we Senateri NIYOMUGABO Cyprien.

Ba Nyakubahwa rero aba ni bo bakandida bagejeje kuri Biro ya Sena "candidatures" zabo kandi bakaba bujuje ibisabwa n'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena hamwe n'amabwiriza ya Biro ya Sena agenga amatora ya Biro za Komisiyo zihoraho za Sena.

Ni muri urwo rwego tugiye gutora abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena uko ari enye, ni ukuvuga gutora Perezida na Visi Perezida kuri buri Komisiyo.

Ba Nyakubahwa aya matora arayoborwa na Visi Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma Honorable NYIRAHABIMANA Solina afashijwe n'Abasenateri babiri n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena.

Ba Nyakubahwa nagira ngo mbonereho mbamenyeshe ko ubu dufite Umunyamabanga Mukuru wa Sena mushya, akaba ari Dr. UMULISA Yvonne nkaba nagira ngo abasuhuze.

Hakurikijwe rero uko inyuguti zitangira amazina y'Abasenateri zikurikirana, Abasenateri babiri bafasha muri iki gikorwa cy'amatora ni Senateri BIDERI John Bonds na Senateri CYITATIRE Sosthène.

Ndibutsa kandi ko iyo Umusenateri ugezweho kuri "liste" yo kunganira Visi Perezida wa Sena uyoboye amatora na we ari mu bakandida batorwa, asimburwa cyangwa se asimbuzwa undi Musenateri hakurikijwe iyo "liste".

Nyakubahwa Visi Perezida ushinzwe amategeko no gukurikirana ibikorwa bya Guverinoma, tubahaye umwanya kugira ngo mutangire imirimo yo kuyobora amatora. Ijambo ni iryanyu.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kuri uyu mwanya mumpaye kugira ngo nshobore kuyobora amatora y'abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena.

Nishimiye kandi ko muri iki gikorwa ngiye gufatanya n'Abasenateri babiri ari bo Senateri BIDERI John Bonds na Senateri CYITATIRE Sosthène ndetse n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena, Dr. UMULISA Yvonne.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, Nyakubahwa Visi Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, aya matora arakorwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga N° 007/2018 OL ryo ku wa

08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena ndetse n'amabwiriza ya Biro ya Sena yo ku wa 03 Ukwakira 2024 agenga amatora ya Biro za Komisiyo zihoraho za Sena.

Ndibutsa ko aya mabwiriza yateguwe hashingiwe ku Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 65, iteganya ko ibijyanye n'amatora bidateganyijwe muri iri tegeko ngenga bigenwa ku buryo burambuye n'amabwiriza ya Biro ya Sena.

Ba Nyakubahwa mbere yuko dutangira aya matora, munyemerere nibutse bimwe bikubiye muri aya mabwiriza bikurikira:

1. Imyanya itorerwa: Imyanya itorerwa ni iy'abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena ari bo Perezida na Visi Perezida ba Komisiyo zikurikira:

    - Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere;
    - Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari;
    - Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano;
    - Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu.

2. Abemerewe gutora: Abemerewe gutora ni Abasenateri bitabiriye iyi inama y'Inteko Rusange igiye kuberamo amatora.

3. Abemerewe gutorwa: Abemerewe gutorwa ni Abasenateri batanze "candidatures" zabo nk'uko biteganywa mu ngingo ya 3 y'amabwiriza kandi bagomba kuba bitabiriye inama y'Inteko Rusange igiye kuberamo amatora.

4. Kwiyamamaza ku mwanya utorerwa: Buri mukandida arahabwa iminota itatu yo kwiyamamaza.

5. Uburyo amatora akorwa: Amatora arakorwa mu ibanga. Umunyamabanga Mukuru wa Sena araha buri Musenateri urupapuro ruriho gusa "cachet" n'umukono wa Perezida wa Sena.

    Mu gihe cyo gutora Umusenateri arandika amazina yombi y'umukandida atoye ku rupapuro rw'itora.

    Mu gihe umukandida ari umwe Umusenateri utamutoye arandika ijambo *oya* ku rupapuro rw'itora. Buri Musenateri umaze gutora arazinga urupapuro rw'itora arushyire mu giseke. Buri mwanya utorerwa ukwawo. Harabanza gutorwa Perezida wa Komisiyo hakurikireho Visi Perezida w'iyo Komisiyo.

Muri uyu mwanya ndagira ngo rero nsabe Abaseseri dufatanyije kuyobora aya matora kuza mu mwanya wabugenewe dutangire igikorwa cy'amatora.

Ba Nyakubahwa ndibutsa ko dutora abagize Biro za Komisiyo enye za Sena, ni ukuvuga Perezida na Visi Perezida wa buri Komisiyo.

Tugiye gutangira gutora. Turahera kuri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere:

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo ya Politiki n’Imiyoborere, Umusenateri umwe (1) ni we watanze “candidature”, ni Honorable KAITESI Usta. Nyakubahwa uhawe umwanya utarenze iminota itatu wo kwiyamamaza.

**Senateri KAITESI Usta**

Urakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri bagenzi banjye ndabashimiye. Ndabashimiye ko mwakiriye ubusabe bwanjye bwo kwiyamamaza kandi nkaba numva mfite mu by’ukuri impamvu eshatu zo kwiyamamaza ari na zo nshingiyeho mbasaba amajwi.

Impamvu ya mbere ni uko narebye ibisabwa mu rwego rw’ubumenyi nsanga amashuri yanjye arabyujuje harimo cyane cyane ibikorwa birebana n’amategeko kandi nkaba narize amategeko. Ariko impamvu ya kabiri ikomeye cyane ni uko imirimo nagiye nkora yampaye amahirwe yo guhura n’ibikorwa bya Komisiyo ya Politiki n’Imiyoborere.

Nabaye muri Komisiyo y’Ivugurura ry’Itegeko Nshinga muri 2015 kandi iyo Komisiyo igaragaza neza ibikorwa iyi Komisiyo ya Politiki ikora, ariko ni na yo Komisiyo twakoranaga na yo muri Sena.

Mu rwego rw’Igihugu rw’Imiyoborere nari mazemo imyaka hafi irindwi irenga, twatangaga raporo kuri Komisiyo ya Politiki, bituma menyera cyane inshingano n’imikorere by’iyi Komisiyo ya Politiki. Akaba ari na cyo nshingiraho nsaba mu by’ukuri gutanga umusanzu wanjye muri urwo rwego nka Perezida wa Komisiyo.

Ndabashimiye kandi ndabasaba ko munshyigikira mukampa amajwi yanyu. Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ndasaba Umunyamabanga Mukuru wa Sena gushyikiriza Abasenateri impapuro z’itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Nk’uko ibyavuye mu matora bibigaragaza, Senateri KAITESI Usta ni we utowe ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo ya Politiki n’Imiyoborere, agize amajwi 25 kuri 26 y’Abasenateri bahari. Imfabusa yabaye imwe (1).

Dukurikizeho gutora Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n’Imiyoborere. Umusenateri umwe ni we watanze “candidature” ni Honorable UWERA Pélagie. Nyakubahwa uhawe iminota itarenze itatu yo kwiyamamaza.

**Senateri UWERA Pélagie**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Ndashimira Abagize Biro ya Sena icyizere mwatugiriye cyo kudushyira muri za Komisiyo no kwakira ubusabe bwacu.

Ndagira ngo kandi nshimire ba Nyakubahwa Basenateri ku cyizere bagiriye Senateri KAITESI Usta kugira ngo ayobore Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere nanjye ndimo, nkaba rero ngira ngo mbasabe nanjye amajwi kugira ngo mungirire icyizere mbashe kumwunganira mu nshingano zo kuyobora Komisiyo ariko tunuzurizaho inshingano za Sena.

Ndasaba amajwi kandi. Kuntora ni ukwandika amazina UWERA Pélagie.

Ba Nyakubahwa maze imyaka itanu ndi muri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere, ibiri n'igice nari nyimaze ndi muri Biro y'iyo Komisiyo ku buryo numva inshingano za Komisiyo zinatuma tugera ku nshingano za Sena hamwe n'izindi Komisiyo muri rusange.

Nkaba rero numva uko nakoranye neza n'Abaperezida banyoboye nkiri Umusenateri ariko uri muri iyo Komisiyo, ndetse n'uko nakoranye na Perezida wa Komisiyo mwunganira nka Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere. N'ubundi ndagira ngo mungirire icyizere mfatanye na Honorable KAITESI Usta mumaze gutorera kuyobora iyi Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere nanjye mwungirize dufatanye n'Abasenateri turi kumwe muri iyo Komisiyo twuzuze inshingano za Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ariko tunashyira mu bikorwa ibyo dusaba kugira ngo twuzuze inshingano za Sena.

Ndabashimiye ku cyizere muri bungirire ba Nyakubahwa Basenateri mwandika amazina kugira ngo amajwi y'abitabiriye Inteko Rusange ahure n'icyizere muri bungirire uko muri makumyabiri na batandatu (26). Ndabashimiye murakoze.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Nsabe Umunyamabanga Mukuru wa Sena gushyikiriza Abasenateri impapuro z'itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere hatowe Senateri UWERA Pélagie. Agize amajwi 26.

Hakurikiyeho gutora Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari. Umusenateri umwe ni we watanze "candidature", ni Senateri NSENGIYUMVA Fulgence.

Nyakubahwa muhawe umwanya utarenze iminota itatu.

**Senateri NSENGIYUMVA Fulgence**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri. Ndabanza gushimira Biro ya Sena yatangaje ku mugaragaro imyanya itorerwa muri za Komisiyo zihoraho za Sena ndetse ikanashyiraho amabwiriza agenga amatora.

Nkaba rero koko, Nyakubahwa Perezida wa Sena, nabagejejeho "candidature" yanjye ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari kuko ndi umwe mu bayigize, none nkaba ngira ngo niyamamaze kuri uwo mwanya imbere y'Inteko itora.

Koko rero ndi umwe mu bagize Sena y'u Rwanda kuva 2019, nkaba narakurikiranye imikorere ya za Komisiyo Zihoraho za Sena kuko nakoraga muri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere.

Gushaka gutorerwa ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ni uko nifitiye icyizere kuko nize ibyerekeranye n'ubukungu bushingiye ku buhinzi n'ubworozi ndetse nkaba narakoze imyaka myinshi muri ibyo byiciro cyane cyane kwiga imishinga no kuyitegura, uburyo icungwa, gusesengura za politiki n'ingamba zirebana n'ubukungu, ishoramari, ubucuruzi mpuzamahanga, guhanga imirimo n'ibindi ku buryo numva nafatanya n'abandi bagize Komisiyo gutanga umusanzu watuma Komisiyo ikora inshingano zayo uko bikwiye.

Nkumva rero nasaba ba Nyakubahwa Basenateri bitabiriye Inteko Rusange kumpa amajwi kandi, Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri nimuramuka mungiriye icyo cyizere mbijeje ubufatanye, gukorana umurava, ubwitange, ubunyangamugayo no guharanira ko Komisiyo yagira uruhare mu bikorwa bya Sena uko byifuzwa. Ndabashimiye.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ndagira ngo nsabe Umunyamabanga Mukuru wa Sena gushyikiriza Abasenateri impapuro z'itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari hatowe Senateri NSENGIYUMVA Fulgence, agize amajwi 26.

Dukurikijeho gutora Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Umusenateri umwe ni we watanze "candidature" ni Honorable NYINAWAMWIZA Laetitia.

Nyakubahwa uhawe umwanya utarenze iminota itatu yo kwiyamamaza.

**Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa uyu mwanya. Amazina muza kwandika nimuntora ni NYINAWAMWIZA Laetitia, ka kazina kanjye k'akabyiniriro ntimuze kukandika kuko benshi barakazi nitwa "Igisingizo cya Bikiramariya".

Ba Nyakubahwa amashuri nize n'imirimo nakoze, byose byampaye ubunararibonye n'ubumenyi. Nongereyeho impanuro Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yaduhaye ejobundi turahira numvise ngomba gutanga "candidature" kuri uyu mwanya kubera ko iyi Komisiyo muri manda yashize nayibayemo imyaka itanu, ariko kuri uyu mwanya nanone nawukozemo imyaka ine kandi twakoze byinshi byiza, nshimira abo twakoranye baba Abasenateri n'abakozi batwunganiye kuko nahigiye byinshi.

Natanze umusanzu ariko ubu ngubu ndumva nanone nakomeza gutanga umusanzu kuri uyu mwanya mfatanyije n'Abasenateri baje bashya bafite ibitekerezo bishya byiza n'imigambi myiza ubundi tukihutisha NST2.

Ndabizeza nanjye ko nje ndi mushya, nzababera mushya, nzakora birushijeho uko nakoze muri manda ishize kandi nzafatanya n'andi ma "commissions" muri "approach" nshya hanyuma iyi Komisiyo ikore neza birenze maze tugere ku byo Sena yifuza. Nitwa rero NYINAWAMWIZA Laetitia, muntore. Murakoze.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ndagira ngo nsabe Umunyamabanga Mukuru wa Sena gushyikiriza Abasenateri impapuro z'itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, hatowe Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia agize amajwi 26.

Hakurikiyeho gutora Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano. Umusenateri umwe ni we watanze "candidature". Ni Honorable MURANGWA Ndangiza Hadija.

Nyakubahwa uhawe umwanya utarenze iminota itatu yo kwiyamamaza.

**Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, nishimiye uyu mwanya kugira ngo mbagezeho ubusabe bwanjye bwo kuba nshaka amajwi yo kugira ngo muntore ku mwanya wo kuyobora Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano.

Ba Nyakubahwa impamvu nyamukuru urebye itumye nsaba amajwi yanyu kuri uyu mwanya ni uko numva imyaka itanu namaze muri Sena mu by'ukuri Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano nayikozemo imyaka ibiri n'igice kandi nakoranye neza n'abo twakoranye muri iyo Komisiyo icyo gihe hanyuma Komisiyo igera ku musaruro mwiza.

Ntekereza ko rero muri iyi manda nshya aho tuzaba turi “team” nshya n’abandi Basenateri bashya, ko nanone nakongera ngatanga umusanzu nkayobora iyo Komisiyo hanyuma ngafatanya na bagenzi banjye kugira ngo tugere ku musaruro urushijeho uko twakoze mbere.

Indi mpamvu ntekereza ko mwampa amajwi yanyu ni uko mfite ubushake, mfite umurava, nditanga, mfatanya n’abandi, mfite imbaraga, ntekereza ko iyo ndebye ubuyobozi bwa Sena abo bemeje muri iyi Komisiyo ntekereza ko tuzakorana neza.

Nkishimira rero kuba natanga “candidature” hanyuma nkaba mbasaba amajwi kugira ngo nzafatanye n’iyo “team” mu kuyobora Komisiyo y’Ububanyi n’Amahanga, Ubutwererane n’Umutekano. Mbasabye amajwi rero, murakoze.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ndagira ngo Umunyamabanga Mukuru wa Sena ashyikirize Abasenateri impapuro z’itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y’Ububanyi n’Amahanga, Ubutwererane n’Umutekano hatowe Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija. Agize amajwi makumyabiri n’atandatu (26).

Dukurikizeho gutora Visi Perezida wa Komisiyo y’Ububanyi n’Amahanga, Ubutwererane n’Umutekano. Nanone Umusenateri umwe ni we watanze “candidature”. Ni Honorable RUGIRA Amandin.

Tumuhaye umwanya utarenze iminota itatu kugira ngo yiyamamaze.

**Senateri RUGIRA Amandin**

Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri mugize Inteko itora, nagira ngo mbere na mbere mbanze nshimire Biro ya Sena kuko yanshyize muri Komisiyo y’Ububanyi n’Amahanga, Ubutwererane n’Umutekano nk’uko nari nabyifuje kandi nabisabye.

Impamvu rero yatumye mbisaba akaba ari na yo mpamvu yatumye ntanga “candidature” yanjye ku mwanya wa Visi Perezida ngira ngo muntore, tuzakorane nunganira Senateri Hadija.

Impamvu rero ni uko muri “carrière” yanjye igihe kirekire nagikoze muri “diplomatie”. Nakozemo imyaka cumi n’umunani, muri iyo myaka cumi n’umunani imyaka ine nari Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y’Ububanyi n’Amahanga n’Ubutwererane. Indi myaka cumi n’ine nyibamo Ambasaderi w’u Rwanda mu bihugu binyuranye birimo Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Uburundi, Ububiligi na Zambiya. Kandi ngira ngo no kubireba umutekano ibyo bihugu mvuze muzi ko hari aho bihurira n’umutekano wacu.

Nkaba rero ngira ngo nsabe amajwi nzabe Visi Perezida muri iriya Komisiyo nkorane n'Inteko yose, Komisiyo zose dukorane mu bwumvikane bwuje ubworoherane, ubwubahane n'ubujyanama.

Nkaba rero ngira ngo munsesekazeho ayo majwi bityo tubyaze umusaruro ubu bunararibonye kuko ubushake n'imbaraga birahari. Murakoze cyane.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Umunyamabaganga Mukuru wa Sena waha Abasenateri impapuro z'itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano hatowe Senateri RUGIRA Amandin agize amajwi 26.

Hakurikiye gutora Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu. Umusenateri umwe ni we watanze "candidature", ni Honorable UMUHIRE Adrie.

Nyakubahwa tubahaye umwanya utarenze iminota itatu wo kwiyamamaza.

**Senateri UMUHIRE Adrie**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri mugize Inteko itora, nanjye ndabanza gushimira cyane Biro ya Sena yanshyize muri Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu ari na yo nifuzaga kubamo.

Nyakubahwa Perezida wa Sena nkaba naranagize icyifuzo cyo gutanga "candidature" ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu nshingiye ku mpamvu zigera kuri ebyiri.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, iyo urebye inshingano za Komisiyo y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu zijyanye cyane cyane n'imirimo nagiye nkora yaba iyo nakoze nigisha muri Kaminuza y'u Rwanda.

Ariko indi mpamvu ya kabiri nshingiraho, Nyakubahwa Perezida wa Sena, ni uko muri manda ya gatatu ya Sena nayoboye Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu mu gihe cy'imyaka itanu, nkaba mboneyeho gushimira cyane Abasenateri twakoranye muri iyo Komisiyo na ba Visi Perezida twakoranye mu gihe cy'imyaka itanu.

Ni Komisiyo yatanze umusaruro kandi n'Abanyarwanda bagenda bagirwaho ingaruka nziza cyangwa se babona umusaruro w'iyo Komisiyo.

Nyakubahwa Perezida wa Sena nkaba n’ubundi numva imbaraga nkizifite, ubushake ndabufite n’umurava. Nkaba nizeza ba Nyakubahwa Basenateri bagize Inteko itora ko nibaramuka bangiriye icyizere bakantora n’ubundi nzakorana n’Abasenateri bagize iyo Komisiyo kugira ngo Komisiyo igere ku nshingano zayo ariko ndizeza izindi Komisiyo za Sena imikoranire myiza kugira ngo Sena izagere ku nshingano nk’uko zibiteganya. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ndasaba Umunyamabanga Mukuru wa Sena gushyikiriza Abasenateri impapuro z’itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y’Imibereho y’Abaturage n’Uburenganzira bwa Muntu hatowe Senateri UMUHIRE Adrie agize amajwi 26.

Dukurikizeho gutora Visi Perezida wa Komisiyo y’Imibereho y’Abaturage n’Uburenganzira bwa Muntu. Senateri umwe ni we watanze “candidature”, ni Honorable NIYOMUGABO Cyprien.

Nyakubahwa tubahaye iminota itarenze itatu yo kwiyamamaza.

**Senateri NIYOMUGABO Cyprien**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri mugize Inteko itora, ndabashimiye cyane kuri uyu mwanya mbonye ngo niyamamarize kuri uyu mwanya wo kuba Visi Perezida wa Komisiyo y’Imibereho y’Abaturage n’Uburenganzira bwa Muntu. Komisiyo nagize amahirwe muri manda ya gatatu, manda ishize, nayibayemo imyaka itanu yose ndetse mu myaka ibiri n’igice ya nyuma nkanayibera Visi Perezida.

Igitumye nshaka kwiyamamaza, ba Nyakubahwa mugize Inteko itora, impamvu ni nyinshi ariko hari iz’ingenzi wenda nkeya navuga. Ni uko iyo urebye neza ibyo itegeko rigenera Komisiyo y’Uburenganzira bwa Muntu usanga bimwe nabikozemo, ibindi narabyize nk’urugero natanga ishinzwe umuco. Umuco narawize ndetse ngira n’amahirwe Igihugu kimpa kuba Intebe y’Inteko Nyarwanda y’Umuco ndinda nza muri Sena harimo n’Ikinyarwanda naracyize ndacyigisha n’ibindi.

Harimo uburezi, nayoboraga Ishuri ry’Uburezi rya Kaminuza y’u Rwanda mbere yuko nza muri Sena. N’ibindi mbishamikire kuri ibyo, ariko nafatanyije n’abandi no gutangiza ishuri buriya harimo no kwita ku bafite ubumuga, nafatanyije n’abandi muri “College” y’Uburezi gutangiza ishuri ry’abafite ubumuga (School of special needs education) ryagize akamaro cyane rwose ku buryo ubu harimo gusohokamo abanyeshuri bafasha mu mashuri yacu mu Gihugu.

Indi mpamvu rero ni uko mfite ubushake. Ubushake bwo kubisaba narabugaragaje, ariko mfite n'izo mbaraga zo kubikora. Ariko izo mbaraga nanone ziri kuva mu ijambo Perezida wa Repubulika yatubwiye twese, yavuze ko tugomba kwita ku kunoza Ikinyarwanda. Ibyo rero nkumva nazafatanya kugira ngo tukinoze.

Nkaba rero ngira ngo ba Nyakubahwa mugize Inteko itora, mbasabe rwose mbikuye ku mutima ko mwangirira icyizere mukantora mwese, tukazafatanya Abasenateri bose n'abagize Komisiyo mu nshingano Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu ifite tukazuzuza bityo Sena ikesa imihigo mu buryo bugari. Murakoze cyane Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Visi Perezida wa Sena, NYIRAHABIMANA Solina**

Reka nsabe Umunyamabanga Mukuru wa Sena kudushyikiriza impapuro z'itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, NYIRAHABIMANA Solina**

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu hatowe Senator NIYOMUGABO Cyprien. Yagize amajwi 26.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, Nyakubahwa Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, igikorwa cyo gutora abagize Biro zihoraho za Sena turagishoje.

Nkaba nshimira buri wese amatora yakoze kandi mu mucyo no mu bwisanzure. Ndashimira by'umwihariko Abaseseri twafatanyije muri iki gikorwa Honorable BIDERI John Bonds na Honorable CYITATIRE Sosthène ndetse n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena Dr. UMULISA Yvonne.

Mboneyeho umwanya wo gusaba Abaseseri gusubira mu byicaro byabo n'Umunyamabanga Mukuru kugeza kuri Nyakubahwa Perezida wa Sena ibikubiye muri raporo y'ibyasohotse muri aya matora.

Nyakubahwa Perezida wa Sena nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga aya matora, mwatangaza ibyavuye mu matora y'abagize Biro za Komisiyo Zihoraho za Sena. Nyuma yo gutangaza ibyavuye mu matora impapuro zatoreweho ziracagagurirwa muri iki cyumba. Murakoze cyane ndabashimiye.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, nyuma y'igikorwa cyo gutora abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena, ndagira ngo mbatangarize abamaze gutorwa.

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere hatowe Senateri KAITESI Usta.

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere hatowe Senateri UWERA Pélagie.

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari hatowe Senateri NSENGIYUMVA Fulgence.

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari hatowe Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia.

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano hatowe Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija.

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano hatowe Senateri RUGIRA Amandin.

Ku mwanya wa Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu hatowe Senateri UMUHIRE Adrie.

Ku mwanya wa Visi Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu hatowe Senateri NIYOMUGABO Cyprien.

Murakoze rero ba Nyakubahwa turangije igikorwa cyo gutora abagize Biro zihoraho za Sena, tukaba dushimira ba Nyakubahwa Basenateri bamaze gutorwa kugira ngo bayobore Komisiyo Zihoraho za Sena.

Turashimira kandi Nyakubahwa Visi Perezida wa Sena wayoboye igikorwa cy'amatora ndetse tukaba tunashimira ba Nyakubahwa Abasenateri hamwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena bamufashije muri iki gikorwa.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri turakurikizaho gusuzuma ingingo ya gatatu.

Ingingo ya gatatu yerekeye gutora abagize Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

Ba Nyakubahwa nk'uko mubizi mu nzego za Sena ziteganywa n'Itegeko ngenga rigenga imikorere ya Sena, harimo Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

Ndibutsa ko Itegeko Ngenga N$^{o}$ 007/2018.0L ryo ku wa 08/09/ 2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 30 iteganya ko Sena yitoramo Komite igizwe n'Abasenateri nibura batanu hitawe ku byiciro bitandukanye bigize Sena iyo bishoboka.

Ni muri urwo rwego Biro ya Sena ibagejejeho urutonde rw'Abasenateri batanu kugira ngo bemezwe n'Inteko Rusange nk'abagize Komite, bakaba ari Abasenateri bakurikira:

1. Senateri BIDERI John Bonds;
2. Senateri CYITATIRE Sosthène;
3. Senateri MUKABALISA Donatille;
4. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde;

5. Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose.

Ba Nyakubahwa aba Basenateri bagize Komite, ndabasaba yuko twabemeza ku bwumvikane busesuye.

Twabemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze ba Nyakubahwa kuba mwemeje abagize Komite. Turashimira abagize Komite kuba baremeye izi nshingano.

Ba Nyakubahwa, nk'uko mubibona, igikorwa cy'amatora kirarangiye. Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 66, "*iyo inama yatoye ikoresheje gucisha mu majwi mu ibanga irangije imirimo yayo, impapuro zatoreweho zicagagurirwa imbere y'Inteko Rusange"*.

Nkaba rero nsaba muri uyu mwanya ko iki gikorwa cyakorwa Umunyamabanga Mukuru wa Sena n'abamwunganira barabidufashamo.

*(Hakurikiyeho igikorwa cyo gucagagura impapuro zatoreweho)*

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, ingingo zari kuri gahunda y'inama y'Inteko Rusange y'uyu munsi tumaze kuzisuzuma zose kandi ni na zo zari zatumye hatumizwa igihembwe kidasanzwe bityo na cyo kikaba gishojwe.

Inama y'Inteko Rusange itaha iteganyijwe ku wa mbere tariki ya 07 Ukwakira 2024 i saa cyenda z'amanywa.

Ku murongo w'ibyigwa hazaba hateganyijwe ibi bikurikira:

1. Ingingo ya mbere izaba ari ugufungura igihembwe gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2024-2025 no kwemeza ingingo zizasuzumwa muri icyo gihembwe;

2. Ingingo ya kabiri izaba ari gutora Biro ya Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa bw'Abasenateri.

Inama y'uyu munsi rero ikaba irangiriye aha ngaha, nkaba nongeye kubashimira igikorwa dukoze kandi nkaba mbifuriza "weekend" nziza. Murakoze.

Inteko Rusange yashoje imirimo yayo i saa kumi n’iminota mirongo itatu n’ibiri (16h32).

**MIGAMBI Joseph**
Umwanditsi

**Dr. UMULISA Yvonne**
Umunyamabanga Mukuru wa Sena

**Dr. KALINDA François Xavier**
Perezida wa Sena